Republique Rwandaise
ministere du Travail
des Affaires Sociales

1dc
5 p

Proces-verbal

10/5/1996

10 MAI 1996

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'IMIBEREHO**
**MYIZA Y'ABATURAGE**
**B.P. 1413 KIGALI**

Kigali, le.......
N° 808717:0.4/96

A traiter par: Ministre
Date entrée: 31/5/96
N° Classement: 15.44.1291

4/6/96

Kuri Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
KIGALI

Impamvu: Inyandiko-mvugo y'Inama Minisiteri y'Umulimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage yagiranye n'Abaperefe.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Hamwe n'iyi baruwa nishimiye kubagezaho inyandiko-mvugo y'inama twagiranye n'abaperefe ba za perefegitura.

Iyo nama yabereye munzu y'amanama ya Minisiteri y'Intebe ku wa 01 MATA 1996, yari igamije gusobanurira ba Perefe igikorwa cy'ibarura ry'abatishoboye, Minisiteri y'Umulimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage iteganya mu gihugu cyose mu bihe bya vuba, kugirango nabo bazarikangulire abo bayobora, bifashishije ababafasha mu buyobozi bwa Perefegitura bo mu nzego zose.

Mbifurije kuyakira neza.

Minisitiri w'Umulimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage.

Pie MUGABO

RÉPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère du Travail et des Affaires Sociales

Bimenyeshejwe:

-Nyakubahwa Visi-Minisitiri w'Intebe, akaba na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Ibigihugu n'Amajyambere ya Komini
KIGALI.

-Nyakubahwa Minisitiri w'Imigambi ya Leta
KIGALI.

-Nyakubahwa Minisitiri wita ku mibereho y'abaturage (bose). MIJEUMA
KIGALI.

-Bwana, Madamu Perefe wa Perefegitura (Bose)

MINISITERI Y'UMURIMO
N'IMIBEREHO MYIZA
Y'ABATURAGE
B.P. 1413 KIGALI

Kigali, taliki 01 Mata 1996

**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YAHUJE MINISITIRI W'UMURIMO N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE NA BA PEREFE BA ZA PEREFEGITURA.**

Iyo nama yatangijwe isaha enye na Nyakubahwa Minisitiri w'Umurimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage,Piyo MUGABO, mu cyumba cy'amanama cya Minisiteri y'Intebe.

Nyakubahwa Minisitiri w'Umirimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage yatangije iyo nama ashimira abayitabiriye, akomeza abamenyesha ko yabatumiye kugirango baganire ku kibazo cy'abacitse kw'icumu n'abatishoboye muri rusange. Yasobanuye ko kugeza ubu umubare wabo utazwi neza; ko kandi naho babigeragеje bidafututse. Ntibigeze bagerageza kumenya amatsinda abatishoboye barimo, hakulikijwe ibyo buli muntu akeneye.

Yasobanuye kandi ko icyo kibazo cy'abatishoboye cyagiye kigaruka mu biganiro Umukuru w'Igihugu yagiranye n'abaturage mu ngendo aherutsemo mu gihugu hose. Kubarura abatishoboye basanze ari igikorwa cyihutirwa cyane, kuko ntagahunda ihamye yo kubafasha kwivana mu bibazo bafite, Leta cyangwa imiryango itagengwa na Leta (nyarwanda cyangwa y'abanyamahanga) ishobora kugena, mu gihe imibare yabo itazwi neza.

Nyakubahwa Minisitiri yasobanuye kandi ko abayobozi ba Perefegitura bafite uruhare rukomeye cyane kugirango icyo gikorwa gishoboke, cyane cyane mu kugikangurira abo bayobora, bahereye kubababafasha, aribo ba Burugumesitiri, ba Konseye, ba Resiponsabule ba Selire na Nyumbakumi.

Amaze gutanga ibyo bisobanuro rusange, Nyakubahwa Minisitiri w'Umurimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage yahaye ijambo Umuyobozi mukuru , wakomeje asobanura abazabarurwa aba aribo n'uko ibarura rizakorwa.

Umuyobozi mukuru yasobanuriye abari mu nama ko Minisiteri y'Umurimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage igitangira igitekerezo cy'ibarura, yumvaga hakorwa ibarura ry'abatishoboye bose. Ariko nyuma y'ingendo zakozwe n'abakozi b'iyo Minisiteri muri za Perefegitura zose, zari zigamije kungurana ibitekerezo ku buryo ryakorwa no gushaka imibare fatizo,

Basanze mu cyiciro cya mbere, habarurwa:

- Abapfakazi (abagore n'abagabo);
- Abana batandukanye n'ababyeyi baba mu bigo (imfubyi n'abandi);
- Abana bibana;
- Imiryango yakiriye abana;
- Abana b'inzererezi.

Minisiteri y'Umurimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage yasanze imibare y'abari mu matsinda amwe n'amwe y'abatishoboye yaboneka muri za Serivisi zibishinzwe, asanga kandi kubarura amatsinda amwe n'amwe bisaba ubuhanga bwihaliye (abahahamutse) cyangwa gukorwa mw'ibanga(abari bafashwe ku ngufu cyangwa abarwayi ba Sida).

Kubirebana n'uburyo ibarura rizakorwa, umuyobozi mukuru yasobanuye ko hari inzego enye:

- Urwego rwa Segiteri
- Urwego rwa Komini
- Urwego rwa Perefegitura
- Urwego rw'Igihugu

Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye yemeye kuzatanga abalimu babiri muri buri Segiteri, bazabarura.

Muri Komini Burugumesitiri niwe uzaba Umuhuzabikorwa.
Umugenzuzi w'amashuli azaba ari umuyobozi w'ibarura;
Ushinzwe CCDFP, Uhagarariye MIJEUMA, uhagarariye MINIREISO.
Abo bose bazagabana amasegiteri ya Komini bajye bagenzura kandi bakurikirana uko imirimo y'ibarura ikorwa.

Mu rwego rwa Perefegitura, Perefe niwe uzaba ahagarariye ibarura, akazifashisha inzego z'umutekano muri Perefegitura ayobora.

Superefe ushizwe imibereho myiza y'abaturage niwe uzayobora imirimo yose y'ibarura muri Perefegitura (Superviseur)
Abafasha be bazaba ari aba:

- Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage(MINITRASO)
- Uhagarariye MINIFAPROFE
- Uhagarariye MIJEUMA
- Uhagarariye MINIREISO

Inama yifuje ko hakongerwaho uhagarariye MINIPLAN mu rwego rwa Perefegitura ushinzwe "statistiques".

Mu rwego rw'igihugu.

1. Umuyobozi w'imirimo mu biro bya Minisitiri w'Umurimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage; azaba umuhuzabikorwa w'imirimo yose y'ibarura ry'abatishoboye mu gihugu hose.

2. Umuyobozi mukuru, azaba umusimbura we.

3. Abakozi babiri bateguye iri barura (Cellule d'Etudes et Planification MINITRASO) bazaba bashinzwe kwegeranya ibintu byose byerekeye ibarura.

4. Umuyobozi w'ishami ry'abatishoboye (Division Groupes Vulnérables MINITRASO).

Abo bantu bazaba bashinzwe gukurikirana no kureba uko imirimo y'ibarura igenda mu gihugu. Buri wese azaba afite akarere ashinzwe.

Ibyo bisobanuro bimaze gutangwa, abari mu nama bahawe ijambo, maze bavuga icyo babitekerezaho.

Icyagaragaye ni uko abari mu nama bose bashyigikiye icyo gitekerezo cyo kubarura abatishoboye, ndetse basanga cyihutirwa.

Arikò havutse ikibazo cy'uko icyo gikorwa giteganijwe mu gihe mu gihugu hose hari ikindi nacyo cyihutirwa cyo gutanga indangamuntu, kizatangira hagati y'itariki cumi na cumi n'eshanu z'ukwezi twatangiye kwa Mata. Icyo gikorwa cyo gutanga indangamuntu, ba Perefe basanze bitakoroha kukibangikanya n'iryo barura kuko abakozi n'abayobozi bo mu nzego zose uhereye muri Segiteri, ndetse n'ibikoresho nk'imodoka bizakoreshwa mu bikorwa byo gutanga indangamuntu. Ikindi cyavuzwe n'uko n'abaturage kubabona bitakoroha bitewe ǹuko bamwe bazagira ingendo zo kujya kwiyandikisha muri za Segiteri bavukamo.

Kubera izo mpamvu, bamwe mu bari mu nama bari bifuje ko iryo barura ryazakorwa nyuma yo gutanga indangamuntu ariko Nyakubahwa Minisitiri yongeye gusobanurira abari mu nama ko igikorwa cy'ibarura ry'abatishoboye cyihutirwa ku buryo kitarindirizwa amezi abiri itangwa ry'indangamuntu rizamara.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri icyo kibazo, hafashwe umwanzuro, ko ibarura ry'abatishoboye rizatangira hagati y'ukwezi kwa Gicurasi, imirimo yo gutanga indangamuntu imaze kugabanuka. Hagati aho, Minisiteri y'Umurimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage izakomeza imyiteguro, cyane cyane ikoresha amahugurwa y'abazakora ibarura, inashaka ibikoresho bya ngombwa bizakenerwa muri iryo barura.

Ibyo birangiye, abari mu nama bahawe ifishi y'ibarura kugirango bazagire icyo bayivugaho, biramutse bibaye ngombwa.

Inama yari yatangiye isaha enye, yashojwe saa sita n'igice, Nyakubahwa Minisitiri w'Umurimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage yongera gushimira abari bitabiriye iyo nama.

UMUYOBOZI W'INAMA: Minisitiri w'Umurimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage

REPUBLIQUE RWANDAISE Ministère du Travail et des Affaires Sociales

Pie MUGABO

UMWANDITSI W'INAMA: Bernard RUTAYISIRE
Umukozi mw'Ishami ry'Igenamigambi MINITRASO.